

# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: HABIMANA EVARISTE

School: I.T.M. SCHOOL, KIBOGORA (CGUGU)

Class: 6ème NCP Year: 1999 - 2000

Subject: HISTORIQUE DE LA GUERRE (GENOCIDE) 1990-1994

KNOWLEDGE IS WEALTH

NOM: HABIMANA

PRENOM: EVARISTE

CELLULE: KANYINYA
SECTEUR: RWOGA
COMMUNE: MASANGO
PREFECTURE: GITARAMA

PERE: NGIRINSHUTI SAMUEL (1930 – 1994)
MERE: M. NTAGARA MADELEINE (1936 – 1994)

ECOLE: INSTITUT JOHN WESLEY DE KIBOGORA (CYANGUGU)

(I. J. W)

ANNÉE D'ETUDE: 6e N.P  I. J. W

9 000.000

E Nyango

Intambara y'itsembatsemba n'itsembabwoko yabaye mfite imyaka (15) yiramavuko ń'iga i KADUHA (GIKONGORO) niga mu mwaka wa (2e S.I) (E.S.I KADUHA)

Ubwo HABYARIMANA JUVENAL yapfapa ari kuwa 6/4/1994 mu ijoro rishyira kuwa 7/4/1994 abandi banyeshuri nabenshi bari bamaze kujya mu biruhuko, ariko twebwe twari kuruhuka ku ya 7/4/1994. icyo gihe twari turangije igihembwe cya kabiri, icyo gihe BUS ya ONATRACOM yari yaraye mu kigo nkuko byari bisanzwe kuko icyo twajyaga gutaha mu kigo cyacu hararaga BUS izadutwara kuko icyo gihe nta na TAXI yaboneka yanyenshi. Nuko mu gitondo tubyuka kare ngo tujye muri BUS, dushyira mo ibikapu byacu, muri uko kwuya tubona uwari DIRECTEUR wacu DOCTEUR GASANA GEMUS, aratubwirango nidukuremo ibikapu byacu dusubire mu dortoirs zacu twabikoze nkuko abitubwiye ariko tukabona hanze umwuka utari mwiza. Nuko dusubira muri dortoirs zacu, tumaze kugerayo Directeur ajya muri dortoirs y'abakobwa abwira Soyenne ngo abwire abakobwa baze hanze kimwe n'abahungu yemwe, nuko tujya aho hanze hari hagati ya dortoirs zombi (cour antérieur). Nuko aratwerurira aratubwira ati "Président wacu yaraye ahanuwe mu ndege n'abagizi ba nabi none yapfuye none kubera ibyo ntimwitashye kubera iki-bazo cy'umutekano mu nzira. Bamwe muri twe ukabona barababaye, abandi ukabona ntacyo bibabwiye, tubikora uko batubwiye tuguma aho.

twagumye aho, tumwe bibazo byinshi, ariko twabikeneza uko ari nta muntu n'uwiza tubona hanze tubona umuntu uwse hanze atwaye umuhoro, ubuhiri, ibyuma, amabuye, amacumu n'ibindi..

Twe tukabaza abana twabonaga duhuje ibibazo aho n'aho aho twari turi, bakatubwira bati "dore uriya batwikiye inzu hariya ni kwa mwene wacu. Kuko ubwo twemenyako ari umututsi ushakwa. Aho twari turaho abana b'abahutu batangira gukora utupurupu, ukabona batwikoreza ariko ntibagire icyo batubwira, ariko si uko byakomeje, noneho baratwereka bakajya batubwira ngo mwa batutsi mwe.

Twakumva ibyo noneho tukababara kurushaho, ariko tugaceceka kuko n'ubundi ntacyo twari kubagira. Ubuke bwacu ntacyo bwari kumara, uretse ko niyo tuba turi benshi kw'abo bagenzi bacu noneho bajya hanze bakababwira bene wabo bakakatumara. Gusa noneho natwe twari tumaze kumenyana n'abagenzi bacu duhuje ibibazo, tukajya tubabwira gusa bakomeze kwihangana kuko Imana yonyine ariyo izi ibyacu kuko ariyo yatwiremeye, ariko kandi aho hanze bicika. Kuri Kiliziya ya KADUHA bica abantu nikenga.

Ariko ntitwabura gushimira uwari DIRECTEUR wacu kuko yatwitagaho, badutagaga ipikoma mu pitondo tugifite agasakari pake, igakugeraho irashira tukajya dukinywaraho. Bakaduha umuceli n'ibishyimbo gusa, ariko ibishyimbo birimo inzige ziruto ibyo bishyimbo ariko ntitwabura gushimira Imana kuko twe twabibonaga ariko hari n'uwazirazaga kubirya n'ijisho rye ntibabimwe gaburise.

Bamwe muri twe twarahunze, ukabona umwana aragenda akaruhuka ariko vuba vuba tutareba. Bamwe bararaye Mucunga, Kotela n'izindi zitamenyekanye ariko Directeur akaduha imiti, uretse umuhungu umwe bitaga SIBOMANA ISAAC wo ku KIBUYE, wapfuye kubera Kotela.

Nanone muri iyo minsi haza abasirikali babiri bari ESCORTS ba MAJOR MUGEMANA w'imusanze ku GIKONGORO. Bamwe barageze basanga umuzamu w'ikigo cyacu witwaga Jérôme baramubwira ngo bakingure, arababwira ngo bamubwije gukingura bamutunga imbunda baramubwira ngo nakingure. Kuko yabonaga bamutunze imbunda arakingura maze barinjira.

Bakimara kugera mu kigo binjiye muri dortoir yabakobwa, barababwira bati "uziko ari umututsi nasohoke". Ufite ubwoba yarasohokaga ngo baza no mu bahungu, nanone baravuga ko uziko ari umututsi asohoka, twarasohotse. Nibiko mezaga yabonaga abana b'abahutu bamurebeye maso kandi bamugi agahita asohoka. Abana b'abahutu baza kudushungera nyine kuko bari baziko uyu twagiye gupfa ahari bakishima. Uwari (Sagent) arimo Sergent wari ufite imbunda ya Mathiciyani ango ajya kuzana Directeur wacu ku icumbi aba mu kigo, aramuzana amuhereza iyo mbunda ngo ahuraguse, kuko directeur yaranga. Undi wari wariyaje (CPL) arimo Caporal asigara atwandika, akandika izina ryawe na komini na préfecture. Baratubarije basanga turi mirongo itatu na batanu (35) uretse ko hari abandi bitishe muri yabitandala muri dortoirs.

Panoplie de plans obsolette

Nuko uwari Sergent akajya abwira Directeur ngo «
Niko aha directeur abatutsi bose 35 twari uhoshe ntabwo ariko bishe HABYARIMANA, ngo simwe
A! uwari warabahaye amashuri Ibrakiga abo! ngo
none uhishe izi nzoka z'abatutsi. Directeur
agasaba imbabazi ariko bakanga. Ndetse tukagira ariko bikaba ibyi ubusa. Nuko
bumvise uwo MAJOR aje baratubwira ngo
uzaho nimupende ariko turagarika kubareba
ubwo hari hamaze kuba nka saa sita.
abandi bana b'Abahutu bakavuga ngo
nimureke tujye kwirira aha ngo naho ziriya nzoka
muzihorere. Ubwo nyine baragiye bararya;
twebwe kurya ntibyari bikitureba kubera twa-
vugaga muri uwo mwanya n'ubundi baza
kutujyana kutwica. Ba basirikari bamaze
kugenda directeur aragaruka aratubwira ngo
ayo ma ESCORTS yaturimu MAJOR yari ayama-
aze ngo none MAJOR amaze kumubwira ko bishna
biraga amajoranga, akatabwira ngo nitujye
kurya, ariko tukanga.

Twararaga tugirango baraza kudutwara, tukarara
tudasinziriye ariko tugasenga Imana cyane.
Muri iyo minsi duhaka ibyo twagacika
tukigira mu nkotanyi. Icyo gihe tukijyana
Imana, nuko umunsi ugeze tubona hari hajoro
nko mu ma saa tatu abandi bamaze
gusinzira, twari abahungu 10 n'abako bana 2
duri bunka ikipe. Muri ako kanya imvura
ihita itangira kugwa, tugeze inyuma
y'ikipe abahoburwa bavatubwirabo ngo bara sigaa
ra zurugo rwari aho irehande rw'ikipe
Kiwamwanza rwari rebatwige naruwigite
umupore mu Rwimitsi. Ubwo twebwe twarako-
mejo turagenda. Twari kumwe n'umuhungu
iwabo ari mu CYANIKA, kandi bwatubwirako
inkotanyi zigeze i BUTARE muri MARABA.

Twaraye tugenda ijoro ryose, ubwo hari mu kwezi kwa gatanu gatangira, twaraye tugenda bwaya tugeze mu CYANIKA hafi y'ikigo cy'amashuri rikuru ya secondaire ari nka saa kumi na mbili twihisha ahantu mu gashyamba ku gasozi gato. aho hafi hari urugo. rw'umuturage nuko umugore asohotse aje ku irembo, atubona, natwe tumubonye twikinga kuri ako gasozi, maze avuga induru interahamwe ziza n'ibipanga, amacumu, ibyuma, amahiri... Umugore akababwira ngo abonye inkotanyi kubera twarimo abahungu 3 turi bakuru ariko harimo uwitwa SHINGIRO JEAN DE DIEU murumuna wanjye. nuko uwitwaga EMMANUEL aravuga ngo we agiye kunyura muri icyo shyamba ngo yigendere n'abandi ni ugufata umwanzuro yakira. twamubuza ariko aranga kuko twavugaga ko dutatana, we yarakomeje aragenda niba yarapfuye niba akibaho ntabwo nzi kuko kuva icyo gihe sinari namubona.

Abandi twarakomeje tujya muri icyo kigo cy'amashuri ari ahongaho. Ba bandi bashaka kutwica baraza baraduha twamaze kwinjira aho mu icyo kigo. Directeur w'icyo kigo yatubajije aho turuye tumubwira ko turuye i Kaduha yatubaza aho tugiye tukavuga ko, aho twari turi ntitwari tuzi umutekano 100%.
Ariko kubera hari abajandarume bari barinze icyo kigo hari na bariyeri aho imbere ba bandi bashakaga kutwica babibabwira ko batuzi nuko barabibirayo.

Directeur w'icyo kigo arakomeza aratubaza, ariko tukamubwira ko duhunga gusa. yaradushumbikiye twamara iminsi itatu ishize uwo directeur atuma ku wacu ko turi aho mu CYANIKA.

Directeur wacu yohereje imodoka iza kudutwara
yahageze nka saa kumi na moya (17h00)
Dutwawe na Directeur wa E.A.V KADUHA.
Twavuye aho mu CYANIKA saa kumi na mbili,
tugarika i KADUHA. Twatinze mu nzira kubera
bariyeri nyinshi, ari nako bashaka kutwica.

Twageze kuri E.S.I KADUHA nka saa saba n'iminota
makumyabiri n'itanu. Batugejeje ku kigo
batujyana muri salle des professeurs kugirango
tutajya mu bandi bakaba batumenera
abandi kuko n'abandi bari abandi bashakaga
kudukubita (Reggis, OREST, ELISEPHAN,

Bwaracyeye mu gitondo baremesha Imana,
inama S/prefet wa S/prefecture ya KADUHA
babamwira ko n'ubwo twari twararokotse
tukiri bamwe nabo tugomba kongera gukora
tukabana nko busanzwe.

Twarakomeje tuba muri E.S.I KADUHA, kugeza
ubwo Abafaransa baje kudutwarira. Abafara-
nsa baje kudutwara ku italiki 20/6/1994.
twavuye aho kuri E.S.I tujya mu nkambi
yo ku Gikongoro i Murambi, aho bashyize
abandi bantu bacitse ku icumu. Twahamaze
iminsi, jyewe mashize iminsi itanu mfata
ijoro ryo kuwa 26/6/1994 njya mu nkotanyi
i BUTARE, muri Commune NYARABA mpita
mpura n'abasirikari ba A.P.R mpita
njya mu gisirikari, mba umusirikari kuva
30/6/1994 kugeza 25/12/1995. Nageze ho
ngeze i Kigali, mpura na mushiki wanjye
[illegible] karere data wacu witwa MONIQUE, ambwira
ambwira ko mu babo tuvukana (abana 6) hasigaye
mushiki wanjye umwe na mukuru wanjye
umwe, ariko nkaba mari maramenye
ko

Data na mama bari barapfuye. Data yishwe na Iyakaremye Nasshore na Alexis muwene Thomas. Naho mama yishwe na Foyibi, ELYVANIE, Nyiramvukumbi, na Yuriya. Papa bakaba bararumutaye muri uwese yo. Kwa Mariya Kabagenga na mama kwa yasoni gatsimbanyi muri wese.

Bene mama, Mukantembe Laurence, Musabyimana Foyibi n'abakanake Kituraga Busihiri bakaba barabajugunye mu ruzi rwa Kirinda. Naho mukuru wanjye witwaga JONAS Nsengiyumva akaba yarapfiriye ku gikomporo ahitwa ariko tukaba tutazi aho yaguye. Naho mushiki wanjye mukuru witwaga Mukashyaka AZERA yapfiriye mu nkambi y'abo yari ari ku Kibuye.

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.